REPUBULIKA Y'U RWANDA

COURT: TGI GICUMBI

REPUBLIQUE DU RWANDA

Au nom du Peuple Rwandais

**ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2022,** Umunsi wa **14** w'ukwezi kwa **WERURWE,**

Twebwe, **HARERIMANA Jean Paul** , umucamanza mu rukiko rwisumbuye rwa Gicumbi , dufashijwe na **RWAMAKUBA Jean de Dieu**, Umwanditsi muri urwo rukiko;

**Tumaze** kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gicumbi bwaregeye uru rukiko uwitwa **NSHIMIYIMANA Obama** Icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 21 na 107 z'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.ikirego kikandikwa kuri nimero RP 00549/2021/TGI/GIC.

**Tumaze** kubona ko NSHIMIYIMANA Obama mwene GACAMUMAKUBA Twaha na ZANINKA Marie Goretti, wavutse 1994, utuye mu Rwanda, intara y' amajyaruguru, akarere ka Rulindo, umurenge wa Base, akagari ka Rwamahwa, umudugudu wa Kiruli, ubu akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GICUMBI

**Dushingiye** ku ngingo ya 160,161 n'162 y'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

**Dutegetse** ko **NSHIMIYIMANA Obama** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi ku itariki ya **<u>14/04/2022 saa mbiri za mugitondo</u>**, aho urukiko rwisumbuye rwa Gicumbi ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko akaburanishwa adahari.

**Dutegetse** ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Gicumbi, kikanatangwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga rw' urukiko rw'ikirenga mu gihe kingana n'iminsi umunani (8).

**NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI, UKWEZI N' UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.**

**HARERIMANA Jean Paul**
**UMUCAMANZA**

**RWAMAKUBA Jean de Dieu**
**UMWANDITSI**